No 242 November 2022

MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



# INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YAGANIRIYE KURI POLITIKI N'INGAMBA Z'IGIHUGU ZO GUTOZA ABANYARWANDA KWIZIGAMIRA NO KWITEZA IMBERE



Ku wa kane tariki ya 29 Nzeri 2022, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yarateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Senateri **UMUHIRE Adrie**. Inama yabereye muri Hotel Lemigo, ku Kimihurura mu Karere ka Gasabo, igezwaho ikiganiro kuri "Politiki n'ingamba z' Igihugu zo gutoza Abanyarwanda kwizigamira no kwiteza imbere, harimo na Gahunda ya EJOHEZA"; cyatanzwe n'Umunyamabanga wa Leta muri **MINECOFIN**, Bwana **TUSHABE Richard**. Mu kiganiro cye, yavuze ko Leta y'u Rwanda yashyizeho ingamba zigamije guteza imbere umuco wo kwizigamira mu Banyarwanda, zirimo Icyerekezo cy'u Rwanda mu mwaka wa 2050, aho umusaruro mbumbe ku muturage uzaba urenze amadolari y'Amerika 12, 476. Agaragaza ko Gahunda ya Guverinoma y'Imbaturabukungu, 2017-2024 (NST1) iteganya ko ikigero cy'ubwizigame kizava ku 10.6% kikazagera kuri 23%; asobanura ko uburyo bwizewe bushobora gutuma abaturage cyane cyane abasheshe akanguhe bashobora kubona uburyo bizigamira no kubona amafaranga ari ugushyiraho ibigega bitanga inguzanyo ziciriritse. Yavuze ko mu bukangurambaga ku kwizigamira bukorwa na Guverinoma y'u Rwanda, imbaraga zishyirwa ku bagore, urubyiruko, abafite ubumuga, inganda ziciriritse n'abahinzi. Ubu bukangurambaga bukaba bwaratumye hashyirwaho porogaramu zinyuranye zifasha abaturage kubona serivisi z'imari binyuze mu Murenge SACCO, RNIT Iterambere Fund, na gahunda y'ubwizigame bw'igihe kirekire ya EJOHEZA.

Asobanura ibirebana na Gahunda ya EJOHEZA, Umunyamabanga wa Leta muri MINECOFIN yavuze ko iyi gahunda yatangiye mu mwaka wa 2018, ikaba yemerera buri munyarwanda ndetse n'umunyamahanga utuye mu Rwanda kugira konti muri EJOHEZA. Umunyamuryango wa EJOHEZA akaba atangira kubona pansiyo y'ukwezi, iyo yujuje imyaka 55. Mu kugaragaza akamaro ka EJOHEZA yavuze ko ifasha abanyarwanda gusaza mu cyubahiro. Ikaba inafasha mu guteza imbere ubukungu bw'Igihugu, kuko 40% y'ubwizigame ashobora kwifashishwa mu kubona inguzanyo y'ishoramari, andi mafaranga agashorwa mu mishinga y'iterambere migari. Yashoje ikiganiro cye, agaragaza ko kuva EJOHEZA yatangira muri 2018 kugeza muri Kanama 2022, abamaze kuyiyandikishamo ari abantu 2,458,690 bakaba bamaze kwizigamira amafaranga yose hamwe 34,076,574,750Frw. Yashishikarije abayobozi b'Imitwe ya Politiki gukomeza gusobanurira abayoboke babo n'abandi Banyarwanda muri rusange kwitabira kwizigamira muri EJOHEZA kuko bizabafasha kugira amasaziro meza. Inama Rusange yasuzumye inemeza raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022, ishima ko muri uyu mwaka, Inama Rusange yaganiriye kuri politiki na gahunda za Leta zirimo 'Imigendekere y'amatora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'abagize Komite Nyobozi b'Inama z'Igihugu; Politiki ivuguruye yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi; Politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere uburezi n'ireme ry'uburezi mu Rwanda; Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe. Inama Rusange yemeje raporo y'ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2021-2022; ubugenzuzi bwakozwe n'Umugenzuzi wigenga w'Ihuriro (GPO Partners). Inama Rusange ikaba yarashimye ko imari n'umutungo by'Ihuriro bicunzwe neza. Inashima ko imyanzuro y'igenzura ry'ubushize yose yashyizwe mu bikorwa ku kigereranyo cy'i 100%; isaba ko Ihuriro rikomeza kugira raporo nta makemwa (clean audit report) ku micungire y'imari n'umutungo byaryo.

Inama Rusange yemeje ko **Bwana NSENGIYUMVA MULONDA Isidore** wo mu Mutwe wa Politiki PSP aba umwe bagize Komisiyo y'Ihuriro mbonezabupfura no gukemurra amakimbirane.

Mu gushyiraho Biro y'Ihuriro Inama Rusange y'Ihuriro yemeje ko **Depite UWANYIRIGIRA Gloriose**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PSD, aba Umuvugizi w'Ihuriro, asimbura Senateri **UMUHIRE Adrie** wo Mutwe wa Politiki PL. Naho **Bwana NAHIMANA Athanase** wo mu Mutwe wa Politiki PS Imberakuri aba Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro asimbura **Bwana NKUBANA Alphonse** uturuka mu Mutwe wa Politiki PSP.

Muri iyi nama, Perezida w'Umutwe wa Politiki **DGPR**, **Hon. Dr HABINEZA Frank** yasabye Abanyarwanda imbabazi kubera ubutumwa yatambukije mu itangazamakuru, bukaba bwaragize abo bukomeretsa. Ubwo butumwa bukaba bwaravugaga ko Leta y'u Rwanda ikwiye kuganira n'abandi Banyarwanda batavuga rumwe nayo. Mu gusaba imbabazi, **Hon. HABINEZA Frank** yasobanuye ko ubwo mu kwezi kwa Kanama 2022, yaganiraga n'itangazamakuru, imwe mu ngingo yasobanuye yateje urujijjo kuko itatanzweho ibisobanuro bihagije; bikaba byarakomerekeje bamwe mu Banyarwanda, ari nayo mpamvu abisabira imbabazi Abanyarwanda bose. Yavuze ko atari agamije kugira uwo akomeretsa. Inama Rusange yamugiriye inama ko yakwifashisha inzira yanyuzemo atangaza ubutumwa bwateje urujijo, akaba ari zo azakoresha asaba Abanyarwanda imbabazi (akanyuza ubutumwa bwe mu bitangazamakuru bitandukanye yatambukijemo ubwo butumwa, birimo n'Ijwi ry'Amerika).

## ABAYOBOZI B'URUGAGA RW'ABAGORE RUSHAMIKIYE MU MUTWE WA POLITIKI MU NTARA Y'AMAJYEPFO BAHUGUWE KU RUHARE RWABO MU BIKORWA BY'AMATORA




Mu rwego rwo gukomeza kongerera ubumenyi abagore bari mu rugaga rushamikiye ku Mutwe wa Politiki, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryateguye amahugurwa yahuje abagore bahagarariye ingaga z'abagore zishamikiye ku Mitwe ya Politiki bo mu Turere tugize Intara y'amajyepfo. Amahugurwa yabereye mu Karere ka Huye kuri Hotel Boni Consilii ahuza abagore 87 kuri 88 bari batumiwe.

Aya mahugurwa yari agamije kongerera ubumenyi abanyamabanga b'urugaga rw'abagore bo mu Turere tugize Intara y'Amajyepfo ngo barusheho kugira uruhare mu bikorwa bya politiki n'amatora.

Atangiza amahugurwa, Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro, **Bwana NAHIMANA Athanase** yabwiye abagore bayitabiriye ko yateguwe mu rwego rwo gukomeza kongerera ubumenyi abagore bo mu nzego z'ubuyobozi bw'Umutwe wa Politiki mu bijyanye no kwitabira ibikorwa bya Politiki harimo kwiyamamaza mu matora kugira ngo bajye mu nzego zifata ibyememezo. Yibukije ko urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki ari umwe mu miyoboro y'ibitekerezo uha amahirwe abagore yo kurushaho gusesengura ibibazo n'ingorane bicyugarije umugore bimubuza guseruka kimwe n'abagabo mu gihe cyo kwitabira ibikorwa bya politiki harimo n'amatora ari nayo nzira igeza ku myanya ifata ibyemezo. Mu byagezweho, yagaragaje ko uko abagore bagiye bongererwa ubushobozi, byatumye bagira uruhare mu gushakira hamwe ibisubizo ku bibazo bibangamira umugore n'ubu bigikomeje kandi ko kugeza ubu byagaragaye ko umugore ashoboye kandi ko iyo ateye imbere ibibazo byinshi bikemuka. Yabasabye gukomeza gusobanurira Abanyarwanda b'ingeri zitandukanye ihame ry'uburinganire Igihugu cyacu kiyemeje kugenderaho n'Imitwe ya Politiki yacu ikaba irishyigikiye. Ibiganiro byatanzwe muri aya mahugurwa byagarutse ku ihame ry'Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore mu iterambere ry'Igihugu, ikiganiro cyatanzwe na **Me. KAMASHAZI Donnah** wagaragaje ko mu miterere y'abantu havuka igitsina gore n'igitsina gabo, naho Gender ikaba "social constructed mindsets" umuntu arayiga kandi ikagenda ihinduka (dynamic). Yavuze ko uburinganire n'ubwuzuzanye bigerwaho ari uko ubanje gukuraho ubusumbane bw'abagabo n'abagore bwagiye bwinjira mu myumvire y'abantu, umugabo n'umugorebagafatwa kimwe mu nzego zose n'ibyemezo bifatwa. Ibi bikaba byarashingiye no ku mateka y'abagore b'Abanyarwanda ba kera bagize uruhare mu byagerwagaho ariko ntibihabwe agaciro. Yavuze ko n'ubwo dufite ibyagezweho ariko hakiri imbogamizi mu gushyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye nk'imyumvire yabamwe itarahinduka, kwitinya kw'abagore, akazi kenshi ko mu rugo n'ibindi ariko ko hari n'amahirwe nk'aya yo guhuzwa n'Ihuriro baturuka mu Mitwe ya Politiki itandukanye bakongera ubumenyi; ubushake bwa Politiki bwo ku rwego rwo hejuru mu guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Asoza ikiganiro, yasabye abagore bitabiriye amahugurwa kujya basobanurira bagenzi babo mu Mitwe ya Politiki baturukamo uburenganzira bahabwa n'amategeko no gukomeza kubuharanira.

Ikindi kiganiro cyatanzwe na **Hon. GAKUBA Jeanne d'Arc** yaganirije abagore bitabiriye amahugurwa ku" Uruhare rw'umugore mu bikorwa bya Politiki ", yavuze ko kujya muri politiki ari ukwemera kujya muri gahunda y'imicungire y'Igihugu cyawe, ukazana ibitekerezo byunganira bagenzi bawe muri kumwe ku rwego runaka, kandi biri bufashe guteza imbere imiyoborere, imibereho myiza n'ubukungu by'Igihugu. Yavuze ko umugore watorewe kuyobora umudugudu, umurenge, n'izindi nzego zo hejuru ari umunyapolitiki kuko atanga ibitekerezo mu rwego arimo, kandi bifasha mu kubaka Igihugu. Yakomeje avuga ko Politiki y'Igihugu cyacu ishingiye ku mahitamo y'abanyarwanda bahisemo kuba umwe, kureba kure cyangwa gutekereza mu buryo bwagutse no kubanzwa inshingano kandi bahisemo kuganira bakumvikana kubyo batumva kimwe, kutagira uhezwa mu miyoborere y'Igihugu cyacu. Yashishikarije abagore bitabiriye

amahugurwa kuzasoma ingingo ya 10 y'Itegeko Nshinga niba bifuza kuba abanyapolitiki beza,bakareba amahame Igihugu cyacu kigenderaho. Yabasabye kuyasoma no kuyubahiriza aho bari mu nshingano mu rwego rwo kurinda ko ibyabaye bitazongera kubaho , kurwanya Jenoside kandi tugaharanira kuba umwe. Yasabye abagore bitabiriye amahugurwa kuba mu nshingano kandi bakazikora neza,bakabana n'abandi neza ndeste n'abaturanyi, kwita ku miryango yabo ndetse n'uburere bw'abana; akomeza abashishikariza gukunda kujya mu nzego zifata ibyemezo kugira ngo babashe gutanga umusanzu wabo bigafasha Igihugu mu iterambere nk'umugore wagize amahirwe atandukanye yo kongera ubumenyi.

Muri aya mahugurwa, abagore bo mu rugaga rushamikiye ku mitwe ya politiki bakoze amatsinda basubiza ibibazo bari babajijwe ku buringanire n'iterambere ry'umugore. Abagore bitabiriye amahugurwa bunguranye ibitekerezo ku ruhare rwabo mu ishyirwa mu bikorwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

Muri aya mahugurwa kandi **Hon. UMUTESI Anitha** yatanze ubuhamya ku rugendo rwe mu bikorwa bya Politiki ku nshingano zitandukanye yagiye ahabwa kandi akazikora neza

Mu buhamya yasangije abagore bitabiriye amahugurwa , yavuze ko byose yabishobojwe no kuba mu nshingano akazibamo n'imbaraga ze zose ; guca bugufi, kudacika intege (never give up) ndeste no gukunda abo uyobora ugaharanira inyungu z'abandi mbere y'izawe. Yababwiye ko ubunyangamugayo, umutima nama n'imyitwarire myiza, guca bugufi, kuganira n'uwo bashakanye byamufashije mu rugendo rwe rw'ubuyobozi. Mu buhamya bwe, yashoje asaba abagore bari mu rugaga rushamikiye ku mitwe ya politiki guharanira kumenya amakuru, gukurikirana amateka y'Igihugu, kumenya icyerekezo cy'Igihugu no guca bugufi ugatega amatwi abo uyobora no kudacika intege. Abasaba guhaguruka bakajya mu ngamba. Aya mahugurwa yashojwe n'Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro **Bwana NAHIMANA Athanase**, wasabye abagore bayitabiriye kuba intangarugero mu miyoborere mu nzego zose aho bafite inshingano kandi abashishikariza gukomeza kwigirira icyizere cyo gukorera umuryango nyarwanda no kugira uruhare mu nzego zifatirwamo ibyemezo.Yabasabye kujya gusangiza ubumenyi bahawe abandi bayoboke bo mu Mitwe ya Politiki yabo.

Yashoje abizeza ko Ihuriro rizakomeza gutegura amahugurwa nkaya, agamije gukomeza kongerera ubumenyi n'ubushobozi abagore bo mu Mitwe ya Politiki igize Ihuriro.